

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° RYO KU WA/...../..... RIGENA UBURYO IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO CY'IMIRIMO IFITIYE IGIHUGU AKAMARO GISHYIRWA MU BIKORWA</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N°..... OF/...../..... DETERMINING THE MODALITIES OF IMPLEMENTATION OF COMMUNITY SERVICE AS AN ALTERNATIVE PENALTY TO IMPRISONMENT</p>	<p>ARRETE PRESIDENTIEL N° DU/...../..... DETERMINANT LES MODALITES D'EXECUTION DE LA PEINE ALTERNATIVE A L'EMPRISONNEMENT DE TRAVAUX D'INTERET GENERAL</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIERES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Abantu bakora TIG</u></p>	<p><u>Article 2: Persons eligible for TIG</u></p>	<p><u>Article 2 : Personnes qui exécutent les TIG</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Imirimo ikorwa mu rwego rwa TIG</u></p>	<p><u>Article 3: Eligible works</u></p>	<p><u>Article 3: Travaux exécutés comme peine alternative à l'emprisonnement des TIG</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Ibigo byakira abakatiwe igihano cya TIG</u></p>	<p><u>Article 4: Correctional centres for persons sentenced to TIG</u></p>	<p><u>Article 4: Centres d'accueil des condamnés aux TIG</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Gusesa amasezerano</u></p>	<p><u>Article 5: Dissolution of agreement</u></p>	<p><u>Article 5: Résiliation du contrat</u></p>
<p><u>Ingingo ya 6: Ubwoko bw'imirimo ikorwa nk'igihano cya TIG</u></p>	<p><u>Article 6: Types of works executed as TIG</u></p>	<p><u>Article 6 : Nature de travaux exécutés comme TIG</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Urwego rushinzwe kuyobora ishyirwa mu bikorwa ry'igihano cya TIG</u></p>	<p><u>Article 7: Supervisory organ on the implementation of TIG</u></p>	<p><u>Article 7 : Organe chargé de la supervision des TIG</u></p>

<p><u>Ingingo ya 8:</u> Gushakisha abakatiwe igihano cya TIG</p>	<p><u>Article 8:</u> Tracking persons sentenced to TIG</p>	<p><u>Article 8 :</u> Recherche des personnes condamnées au TIG</p>
<p><u>UMUTWE WA II:</u> URUHARE RW'INZEGO Z'IBANZE MU MICUNGIRE YA TIG</p>	<p><u>CHAPTER II:</u> ROLE OF LOCAL ADMINISTRATIVE ENTITIES IN THE MANAGEMENT OF TIG</p>	<p><u>CHAPITRE II :</u> ROLE DES ENTITES ADMINISTRATIVES LOCALES DANS LA GESTION DES TIG</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Abashinzwe TIG ku rwego rw'Akarere</p>	<p><u>Article 9:</u> Organ in charge of TIG at the District level</p>	<p><u>Article 9:</u> Organe chargé des TIG au niveau du District</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'urwego rw'Akarere rushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'igihano cya TIG</p>	<p><u>Article 10:</u> Responsibilities of the Organ in charge of TIG at the District level</p>	<p><u>Article 10 :</u> Attributions de l'organe chargé des TIG au niveau du District</p>
<p><u>UMUTWE WA III:</u> ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IGIHANO CYA TIG</p>	<p><u>CHAPTER III:</u> TIG IMPLEMENTATION</p>	<p><u>CHAPITRE III:</u> EXECUTION DES TIG</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Ibisabwa ukimara gukatirwa igihano cya TIG</p>	<p><u>Article 11:</u> Obligations of a person upon being sentenced to TIG</p>	<p><u>Article 11:</u> Obligations du nouveau condamné aux TIG</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Kugena aho uwakatiwe igihano cya TIG akirangiriza</p>	<p><u>Article 12:</u> Selection of where persons sentenced to TIG serve their punishment</p>	<p><u>Article 12:</u> Détermination de l'endroit d'exécution des TIG</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Guhererekanya inyandiko</p>	<p><u>Article 13:</u> Exchange of Documents</p>	<p><u>Article 13:</u> Echange de documents</p>
<p><u>Ingingo ya 14:</u> Kumenyesha uwakatiwe igihano cya TIG</p>	<p><u>Article 14:</u> Notifying a person sentenced to TIG</p>	<p><u>Article 14:</u> Notification du condamné aux TIG</p>
<p><u>Ingingo ya 15:</u> Umubyizi w'uwakatiwe igihano cya TIG</p>	<p><u>Article 15:</u> Daily work for a person sentenced to TIG</p>	<p><u>Article 15:</u> Tâche journalière du condamné aux TIG</p>

<u>Ingingo ya 16:</u> Gukomatanya imibyizi	<u>Article 16:</u> Combining hours of work	<u>Article 16:</u> Rapprochement des hommes-jours
<u>Ingingo ya 17:</u> Gutunga no kwita ku barangiriza igihano cya TIG mu ngando	<u>Article 17:</u> Feeding and catering for those serving TIG in camps	<u>Article 17:</u> Entretien des condamnés aux TIG placés dans un camp
<u>Ingingo ya 18:</u> Isubika ry'igihano cya TIG	<u>Article 18:</u> Suspension of TIG punishment	<u>Article 18:</u> Suspension de la peine des TIG
<u>Ingingo ya 19:</u> Kudakora neza igihano cya TIG	<u>Article 19:</u> Failure to appropriately execute TIG	<u>Article 19 :</u> Exécution non convenable des TIG
<u>Ingingo ya 20:</u> Ibyitabwaho mu ishyirwa mu mirimo ry'abakatiwe igihano cya TIG	<u>Article 20:</u> Elements to consider during work placement of persons sentenced to TIG	<u>Article 20:</u> Eléments tenus en considération dans le placement des condamnés aux TIG
<u>Ingingo ya 21:</u> Uburenganzira bwubahirizwa mu irangiza ry'igihano cya TIG	<u>Article 21:</u> Rights in the course of serving TIG	<u>Article 21:</u> Droits respectés au cours de l'exécution des TIG
<u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER IV:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE IV:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 22:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	<u>Article 22:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 22 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 23:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 23:</u> Repealing provision	<u>Articles 23 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 24:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa	<u>Article 24:</u> Commencement	<u>Article 24:</u> Entrée en vigueur

<p>ITEKA RYA PEREZIDA N° RYO KU WA/...../..... RIGENA UBURYO IGIHANO NSIMBURAGIFUNGO CY'IMIRIMO IFITIYE IGIHUGU AKAMARO GISHYIRWA MU BIKORWA</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 113, iya 121 n'iya 201;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko-Ngenga n° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho Igitabo cy'Amategeko Ahana, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 47, iya 48, iya 49 n'iya 50;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2012/OL ryo ku wa 15/06/2012 rikuraho Inkiko Gacaca rikanagena uburyo bwo gukemura ibibazo byari mu bubasha bwazo, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 11, iya 12 n'iya 18;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko n° 34/2010 ryo ku wa 12/11/2010 rishyiraho Urwego rw'Igihugu</p>	<p>PRESIDENTIAL ORDER N°..... OF/...../..... DETERMINING THE MODALITIES OF IMPLEMENTATION OF COMMUNITY SERVICE AS AN ALTERNATIVE PENALTY TO IMPRISONMENT</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 112, 113, 121 and 201;</p> <p>Pursuant to Organic Law n° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the Penal Code, especially in Articles 47, 48, 49 and 50;</p> <p>Pursuant to Organic Law n° 04/2012/OL of 15/06/2012 terminating Gacaca Courts and determining mechanisms for solving issues which were under their supervision, especially in Articles 11, 12 and 18;</p> <p>Pursuant to Law n° 34/2010 of 12/11/2010 on the establishment, functioning and organization of</p>	<p>ARRETE PRESIDENTIEL N° DU/...../..... DETERMINANT LES MODALITES D'EXECUTION DE LA PEINE ALTERNATIVE A L'EMPRISONNEMENT DE TRAVAUX D'INTERET GENERAL</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 113, 121 et 201;</p> <p>Vu la Loi Organique n° 01/2012/OL du 02/05/2012 portant Code Pénal, spécialement en ses articles 47, 48, 49 et 50;</p> <p>Vu la Loi Organique n° 04/2012/OL du 15/06 portant suppression des juridictions Gacaca et fixant les mécanismes de résolution des litiges qui étaient de leur compétence, spécialement en ses articles 11, 12 et 18 ;</p> <p>Vu la Loi n° 34/2010 du 12/11/2010 portant création, fonctionnement et organisation du</p>
--	--	---

<p>rushinzwe imfungwa n'abagororwa (RCS) rikanagena imikorere n'imitunganyirize yarwo cyane cyane mu ngingo zaryo iya 55, iya 56 n'iya 57;</p> <p>Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 10/01 ryo ku wa 07/03/2005 rigena uburyo igihano nsimburagifungo cy'imirimu ifitiye igihugu akamaro gishyirwa mu bikorwa nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 01/06/2011 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri teka rigamije</p> <p>Iri teka rigena uburyo igihano nsimburagifungo cy'imirimu ifitiye Igihugu akamaro cyitwa igihano cya TIG mu ngingo zikurikira gishyirwa mu bikorwa.</p>	<p>Rwanda Correctional Service (RCS), especially in Articles 55, 56 and 57;</p> <p>Having reviewed the Presidential Order n° 10/01 of 07/03/2005 determining the modalities of implementation of community services as alternative penalty to imprisonment as modified and complemented to date;</p> <p>On proposal by the Minister of Internal Security;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet in its session of 01/06/2011;</p> <p>HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines the modalities of implementation of community services as an alternative penalty to imprisonment, hereafter referred to as TIG.</p>	<p>Service Correctionnel du Rwanda (RCS), spécialement en ses articles 55, 56 et 57;</p> <p>Revu l'Arrêté Présidentiel n° 10/01 du 07/03/2005 déterminant les modalités d'exécution de la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général tel que modifié et complété à ce jour;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Sécurité Intérieure;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 01/06/2011;</p> <p>AVONS ARRETE ET ARRETONS:</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u></p> <p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine les modalités d'exécution de la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général dénommée TIG dans les dispositions qui suivent.</p>
---	---	--

<u>Ingingo ya 2: Abantu bakora TIG</u>	<u>Article 2: Persons eligible for TIG</u>	<u>Article 2 : Personnes qui exécutent les TIG</u>
<p>Igihano nsimburagifungo cy'imirimu ifitiye Igihugu akamaro gikorwa n' umuntu:</p>	<p>TIG shall be executed by a person:</p>	<p>Les TIG sont exécutés par une personne qui :</p>
<p>1° wagianishijwe n'Inkiko Gacaca zari zishinzwe kuburanisha gukurikirana no gucira imanza abakoze icyaha cya Jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994;</p>	<p>1° sentenced to it by Gacaca Courts which were charged with prosecuting and trying the perpetrators of the crime of genocide perpetrated against the Tutsi and other crimes against humanity, committed between October 1, 1990 and December 31, 1994;</p>	<p>1° a été condamnée à cette peine par les juridictions Gacaca qui étaient chargées des poursuites et du jugement des infractions constitutives du crime de génocide perpétré contre les Tutsi et d'autres crimes contre l'humanité commis entre le 1^{er} octobre 1990 et le 31 décembre 1994 ;</p>
<p>2° wakoze icyaha cyo gusahura cyangwa konona umutungo w'undi muntu mu gihe cya Jenocide yakorewe Abatutsi n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu byakozwe hagati y'itariki ya mbere Ukwakira 1990 n'ya 31 Ukuboza 1994, bikaba bigaragara ko nta bushobozi afite bwo kuyishyura;</p>	<p>2° who committed an offence of looting or damaging property during the period of genocide committed against the Tutsi and other crimes against humanity, committed between October 1, 1990 and December 31, 1994 when it is evident that he/she is insolvent;</p>	<p>2° a commis le pillage ou a endommagé des biens d'autrui pendant la période du génocide perpétré contre les Tutsi et d'autres crimes contre l'humanité commis entre le 1^{er} octobre 1990 et le 31 décembre 1994 et qu'il est évident qu'elle n'est pas solvable;</p>
<p>3° wahamwe n'icyaha gihanishwa igifungo kitarenze imyaka itanu (5);</p>	<p>3° guilty of an offence punishable by an imprisonment not exceeding five (5) years;</p>	<p>3° a commis une infraction punissable d'une peine d'emprisonnement ne dépassant pas cinq (5) ans ;</p>
<p>4° wategetswe kwishyura ihazabu, amafaranga y'urubanza, ubwishyu ubwo ari bwo bwose bugenewe isanduku ya Leta n'ibintu bigomba gusubizwa cyangwa indishyi z'akababaro bigenewe uwakorewe icyaha ntashobore kubahiriza ibyo yategetswe n'urukiko;</p>	<p>4° convicted to pay a fine, Court fees or to effect any payment into the Public Treasury, restitutions or pay damages for the benefit of the party to civil case when he/she has failed to comply with the judgment imposed against him/her by the Court;</p>	<p>4° a été condamnée à l'amende, aux frais de justice, à tout paiement au profit du Trésor public, à des restitutions ou à des dommages- intérêts envers une partie civile au cas où elle n'est pas en mesure d'exécuter les condamnations prononcées contre elle ;</p>

<p>5° utishyuye umwenda wose ukomoka ku cyaha.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Imirimo ikorwa mu rwego rwa TIG</u></p> <p>TIG itunganya ibikorwa bifite inyungu rusange byemejwe n’Inama Nkuru y’Urwego rw’Igihugu rushinzwe imfungwa n’abagororwa rwitwa RCS mu ngingo zikurikira.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Ibigo byakira abakatiwe igihano cya TIG</u></p> <p>RCS ishobora kugena ibikorwa byayo bwite ikoreshamo abakatiwe igihano cya TIG, mu rwego rwo kongera umusaruro.</p> <p>Inzego z’ubutegets, ibigo bya Leta, imiryango itari iya Leta n’abikorera bifuza kwandikisha imirimo bafite muri gahunda ku rutonde rw’imirimo ishobora gukorwa n’abakatiwe igihano cya TIG, babisaba RCS mu nyandiko.</p> <p>Uwemerewe guhabwa uwakatiwe igihano cya TIG agirana amasezerano na Komiseri Mukuru wa RCS cyangwa undi mukozi wa RCS abihereye ububasha mu nyandiko.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Gusesa amasezerano</u></p>	<p>5° who has not paid in whole the debt arising from an offence.</p> <p><u>Article 3: Eligible works</u></p> <p>Works to be executed as TIG shall be determined by the High Council of Rwanda Correctional Service, hereafter referred to as RCS.</p> <p><u>Article 4: Correctional centres for persons sentenced to TIG</u></p> <p>RCS can determine its own works to be done and employ persons sentenced to TIG for its productivity purpose.</p> <p>Public administration, public institutions, civil organisation and members of private sector who wish to use persons sentenced to TIG shall apply by writing to RCS.</p> <p>The beneficiary of the authorisation of using persons sentenced to TIG must sign a memorandum of understanding with the Commissioner General of RCS or his/her delegate.</p> <p><u>Article 5: Dissolution of agreement</u></p>	<p>5° n’a pas effectué le paiement intégral de la dette née d’une infraction.</p> <p><u>Article 3: Travaux exécutés comme peine alternative à l’emprisonnement des TIG</u></p> <p>Les travaux devant être exécutés comme TIG sont déterminés par le Haut Conseil du Service Correctionnel du Rwanda, dénommé RCS dans les dispositions qui suivent.</p> <p><u>Article 4: Centres d’accueil des condamnés aux TIG</u></p> <p>RCS peut déterminer ses propres travaux dans lesquels il emploie les condamnés aux TIG pour accroître sa productivité.</p> <p>L’administration publique, les établissements publics, les associations civiles et les particuliers désireux d’utiliser les condamnés aux TIG dans leurs travaux adressent leurs lettres de demande au RCS.</p> <p>Quiconque reçoit l’autorisation d’utiliser les condamnés aux TIG signe un contrat avec le Commissaire Général de RCS ou un autre agent de RCS mandaté par écrit par ce dernier à cet effet.</p> <p><u>Article 5: Résiliation du contrat</u></p>
--	--	---

<p>Iyo ikigo cyangwa urwego rwa Leta rwahawe abakatiwe igihano cya TIG bitujuje ibikenewe mu gutegura neza aho baba, kubagaburira no kubaha imirimo, RCS ishobora guseza amasezerano bagiranye ikabajyana ahandi, urwo rwego cyangwa ikigo nticyishyuze ibyari byateguwe mu kubakira. Uko amasezerano aseswa biteganywa muri ayo masezerano.</p>	<p>When a public or private institution hosts persons sentenced to TIG does not respect requirements like organising dormitories, giving them enough food and assigning them work, RCS may terminate the contract made between the parties and transfer the Persons sentenced to TIG to another site. The concerned Institution cannot refund what was supposed to cater for them. Procedure for terminating the contract shall be provided for in the agreement.</p>	<p>Lorsqu'une institution publique ou privée qui a accueilli les condamnés aux TIG ne respecte pas ses obligations relatives à l'hébergement, l'alimentation des condamnés aux TIG ou l'organisation de leurs travaux, RCS peut résilier le contrat conclu avec elle et transférer les condamnés aux TIG sur un autre site sans aucune réclamation de dommages et intérêts de la part de l'institution qui les avait accueillis. Le contrat prévoit la procédure pour sa résiliation.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Ubwoko bw'imirimo ikorwa nk'igihano cya TIG</u></p>	<p><u>Article 6: Types of works executed as TIG</u></p>	<p><u>Article 6 : Nature de travaux exécutés comme TIG</u></p>
<p>Imirimo y'ibanze ikorwamo TIG ni iyi ikurikira:</p>	<p>Basic works which can be executed as TIG shall be the following:</p>	<p>Les travaux pouvant être exécutés comme TIG sont les suivants :</p>
<p>1° Kurwanya isuri;</p> <p>2° Gufata neza inzuzi n'ibiyaga;</p> <p>3° Gufata neza ibidukikije, gutera ibiti no gukorera amashyamba ;</p> <p>4° Gutunganya ibishanga n'amaterasi y'indinganire;</p> <p>5° Gukora Imirimo y'ubwubatsi;</p> <p>6° Gufata neza amazu ya Leta n'ibindi byo mu</p>	<p>1° Fighting soil erosion;</p> <p>2° Protection of rivers and lakes;</p> <p>3° Environment protection, tree plantation and forest preservation;</p> <p>4° Drainage and radical terracing;</p> <p>5° Construction work;</p> <p>6° Work related to public buildings rehabilitation</p>	<p>1° la lutte antiérosive ;</p> <p>2° la protection des rivières et des lacs ;</p> <p>3° la protection de l'environnement, le reboisement et l'entretien des forêts ;</p> <p>4° le drainage des marais et l'emménagement des terrasses radicales ;</p> <p>5° les travaux de construction ;</p> <p>6° les travaux relatifs à l'entretien des</p>

<p>mutungo wayo, nk'ubusitani abantu baruhukiramo n'ubusitani bw'umurimbo;</p> <p>7° Kubaka no gusana amashuri, ibitaro n'ibigo nderabuzima, amazu y'abatishoboye n'ibibuga by'imikino;</p> <p>8° Kubaka no gusana imihanda n'amateme;</p> <p>9° Guhinga imyaka igaburirwa abantu bafunzwe cyangwa abandi Leta ifite inshingano zo gutunga;</p> <p>10° Gukora ibindi bikorwa by'inyungu rusange byagenwa n'Inama Nkuru ya RCS.</p>	<p>and other public recreational places like gardens;</p> <p>7° Construction and rehabilitation of schools, hospitals, houses for people in need and play grounds;</p> <p>8° Construction and rehabilitation of roads and bridges;</p> <p>9° Cultivation of crops to be consumed by prisoners and other Government dependants;</p> <p>10° Other activities of general interest which should be determined by the High Council of RCS.</p>	<p>immeubles publics ainsi que ses autres biens publics comme les jardins publics ;</p> <p>7° les travaux de construction et de réfection des écoles, des hôpitaux et centres de santé, des logements pour sans abris et des espaces de loisir ;</p> <p>8° la construction et la réfection des routes et des ponts ;</p> <p>9° la culture des denrées alimentaires devant nourrir les prisonniers ou les autres personnes prises en en charge l'Etat ;</p> <p>10° d'autres travaux d'intérêt général pouvant être déterminés par le Haut Conseil de RCS.</p>
<p><u>Ingingo ya 7: Urwego rushinzwe kuyobora ishyirwa mu bikorwa ry'igihano cya TIG</u></p>	<p><u>Article 7: Supervisory Organ on the implementation of TIG</u></p>	<p><u>Article 7 : Organe chargé de la supervision des TIG</u></p>
<p>RCS ni rwo rwego rushinzwe kuyobora ishyirwa mu bikorwa ry'igihano cya TIG.</p>	<p>The implementation of TIG shall be supervised by RCS.</p>	<p>L'organe chargé de superviser l'exécution des TIG est le RCS.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Gushakisha abakatiwe igihano cya TIG</u></p>	<p><u>Article 8: Tracking persons sentenced to TIG</u></p>	<p><u>Article 8 : Recherche des personnes condamnées au TIG</u></p>
<p>Gushakisha abakatiwe igihano cya TIG bikorwa na Polisi y'u Rwanda.</p>	<p>Tracking persons sentenced to TIG shall be carried out by the Rwanda National Police</p>	<p>La recherche des personnes condamnées aux TIG incombe à la Police Nationale du Rwanda.</p>

<p><u>UMUTWE WA II: URUHARE RW'INZEGO Z'IBANZE MU MICUNGIRE YA TIG</u></p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Abashinzwe TIG ku rwego rw'Akarere</p> <p>Inama y'Umutekano ku rwego rw'Akarere ni yo ishinze ishyirwa mu bikorwa ry'igihano cya TIG muri ako Karere.</p> <p>Umukozi ushinze guhuza ibikorwa bya TIG mu Karere ageza ku Nama y'Umutekano ku rwego rw'Akarere, rimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa, imigendekere ya TIG mu Karere kugira ngo ifate ingamba zatumye TIG irushaho gutanga umusaruro.</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'urwego rw'Akarere rushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'igihano cya TIG</p> <p>Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa igihano cya TIG, Inama y'Umutekano y'Akarere:</p> <p>1° igena mu ifasi yayo, imirimo n'imishinga ishobora gukorwamo TIG ikayikorera raporo ishyikirizwa Guverineri w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, kopi y'iyi raporo ikagera Komiseri Mukuru wa RCS;</p>	<p><u>CHAPTER II: ROLE OF LOCAL ADMINISTRATIVE ENTITIES IN THE MANAGEMENT OF TIG</u></p> <p><u>Article 9:</u> Organ in charge of TIG at the District level</p> <p>The Security Council at the District level shall be the Organ in charge of the implementation of TIG at this level.</p> <p>The coordinator of TIG at the District level shall present monthly and when needed to the Security Council at the District level, a comprehensive report on the implementation of TIG to help them to take strategies to enhance the productivity of TIG activities.</p> <p><u>Article 10:</u> Responsibilities of the Organ in charge of TIG at the District level</p> <p>In order to enhance TIG implementation, the Security Council at the District level shall:</p> <p>1° determine, in its territorial limits, all projects and works which must be carried out through TIG and produce a report to the Governor of the Province or Mayor of Kigali City with a copy to the Commissioner General of RCS;</p>	<p><u>CHAPITRE II: ROLE DES ENTITES ADMINISTRATIVES LOCALES DANS LA GESTION DES TIG</u></p> <p><u>Article 9:</u> Organe chargé des TIG au niveau du District</p> <p>Le Conseil de Sécurité du District est l'organe chargé de l'exécution des TIG au niveau du District.</p> <p>L'agent de chargé de la coordination des TIG dans le District présente au Conseil de Sécurité du District, chaque mois et chaque fois que de besoin, un rapport sur l'exécution des TIG afin qu'il prenne des stratégies visant l'amélioration de la production des TIG.</p> <p><u>Article 10 :</u> Attributions de l'organe chargé des TIG au niveau du District</p> <p>Dans le cadre de la bonne exécution des TIG, le Conseil de Sécurité du District :</p> <p>1° détermine, dans ses limites territoriales, les projets et les travaux devant être exécutés dans le cadre des TIG et en produit un rapport qu'il adresse au Gouverneur de la Province ou au Maire de la Ville de Kigali avec copie au</p>
--	--	--

<p>2° itegeka abakatiwe igihano cya TIG n'inkiko batuye cyangwa bacumbitse mu ifasi yayo kujya aho bagomba kukirangiriza;</p> <p>3° ikurikiranira hafi abakatiwe igihano cya TIG bakirangiriza mu ifasi yayo, baba bakora bataha mu ngo zabo cyangwa bakorera mu ngando z'akazi;</p> <p>4° isabira kongera gufungwa uri mu gihano cya TIG utagikoze nk'uko biteganyijwe, mu gihe yaba yihanangirijwe n'ubuyobozi bw'Umurenge akanangira;</p> <p>5° ifata, mu ifasi yayo, ibyemezo byose ibona ari ngombwa kandi byubahirije amategeko n'amabwiriza ariho kugirango igihano cya TIG kirangizwe neza;</p> <p>6° ikora buri kwezi raporo y'ibikorwa byayo no ku irangizwa ry'igihano cya TIG mu Karere, ikayishyikiriza Guverineri w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, igaha kopi Komiseri Mukuru wa RCS.</p>	<p>2° order those sentenced to TIG in its territorial limits to get in their respective areas where they are supposed to execute TIG works;</p> <p>3° make regular follow up in its territorial limits of the implementation of TIG for those executing it while staying home or in TIG camps;</p> <p>4° request re-imprisonment of those who refused to execute their punishment of TIG as provided for, who were advised by the authorities of the Sector but became adamant;</p> <p>5° take, in its territorial limits and in conformity to the law and regulations in force, all of decisions enhancing TIG implementation;</p> <p>6° produce a monthly report on TIG implementation at the District level and send it to the Governor of the Province or Mayor of Kigali City with a copy to the Commissioner General of RCS.</p>	<p>Commissaire Général de RCS ;</p> <p>2° ordonne aux condamnés aux TIG domiciliés ou résidant dans son ressort de rejoindre l'endroit où ils doivent exécuter leur peine ;</p> <p>3° assure un suivi régulier de tous les condamnés aux TIG en train de l'exécuter dans son ressort, que ce soit ceux placés dans les camps de travail, que ce soit ceux qui exécutent les TIG de proximité ;</p> <p>4° requiert la remise en prison de tout condamné aux TIG qui ne les exécute pas conformément à la loi, malgré un dernier avertissement des autorités de son Secteur de ressort ;</p> <p>5° prend, dans ses limites territoriales et ce, conformément aux lois et règlements en vigueur, toutes les décisions visant la bonne exécution des TIG ;</p> <p>6° produit un rapport mensuel de ses activités et sur l'exécution des TIG dans son ressort et l'adresse au Gouverneur de la Province ou au Maire de la Ville de Kigali et en réserve copie au Commissaire Général de RCS.</p>
---	--	---

UMUTWE WA III: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IGIHANO CYA TIG	CHAPTER III: TIG IMPLEMENTATION	CHAPITRE III: EXECUTION DES TIG
<u>Ingingo ya 11:</u> Ibisabwa ukimara gukatirwa igihano cya TIG	<u>Article 11:</u> Obligations of a person upon being sentenced to TIG	<u>Article 11:</u> Obligations du nouveau condamné aux TIG
<p>Umuntu wese ukimara gukatirwa n'urukiko igihano cya TIG, yihutira kujya kureba umukozi w'Umurenge ufite TIG mu nshingano ze akabimumenyeshya mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7).</p>	<p>Person sentenced to TIG must report to the officer in charge of TIG at Sector level in a period not exceeding seven (7) days from the date he/she was sentenced.</p>	<p>Dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours calendrier, toute personne condamnée aux TIG doit se présenter à l'agent chargé des TIG au niveau du Secteur pour l'en informer.</p>
<p>Umukozi w'Umurenge ufite TIG mu nshingano ze afatanya n'uhagarariye RCS ku Karere bagakora isesengura ku byerekeye imyaka y'amavuko y'uwakatiwe igihano cya TIG, amagara ye n'imyuga yize, maze uhagarariye RCS mu Karere akabyohereza Komiseri Mukuru wa RCS.</p>	<p>The officer in charge of TIG at Sector level shall work closer with representative of RCS at District level to ascertain the age, physical fitness and level of professionalism of the person sentenced to TIG and the representative of RCS at District level shall transmit that information to the Commissioner General of RCS.</p>	<p>L'agent chargé des TIG au niveau du Secteur collabore avec le représentant de RCS au niveau du District dans l'analyse du dossier quant aux capacités liées à l'âge, à la santé et au professionnalisme du condamné aux TIG afin qu'un rapport soit adressé au Commissaire Général de RCS par le représentant de RCS au niveau du District.</p>
<p>Komisariya Nkuru ya RCS ishyiraho imiterere y'imbonerahamwe yuzuzwa.</p>	<p>The Headquarter of RCS prepares the format of the form to be filled.</p>	<p>Le Commissariat Général de RCS met en place un formulaire à remplir à cet effet.</p>
<u>Ingingo ya 12:</u> Kugena aho uwakatiwe igihano cya TIG akirangiriza	<u>Article 12:</u> Selection of where persons sentenced to TIG serve their punishment	<u>Article 12:</u> Détermination de l'endroit d'exécution des TIG
<p>RCS ni yo ifite ububasha bwo kugenera uwakatiwe igihano cya TIG aho akirangiriza, ishingiye gusa ku hantu ibona yatanga umusaruro mwiza. Ni yo yemeza ko akora ataha iwe mu rugo cyangwa akorera mu ngando.</p>	<p>RCS shall have the exclusive competence of selecting where persons sentenced to TIG shall serve their punishment, depending on where they can be productive. RCS shall be the one to select whether they shall work while staying home or in TIG</p>	<p>RCS est le seul organe habilité à décider de l'endroit d'exécution des TIG pour chaque condamné, en tenant compte du centre d'accueil qui lui permettra d'être productif. RCS est le seul à déterminer s'il exécute les</p>

<p><u>Ingingo ya 13: Guhererekanya inyandiko</u></p> <p>Urukiko rutanze igihano cya TIG rushyikiriza icyemezo cyarwo, uhagarariye RCS mu Karere ruherereyemo kugira ngo akimenyeshe Komiseri Mukuru wa RCS ugena aho igihano kirangirizwa.</p> <p>Urukiko rugenera kandi kopi y'icyo cyemezo ukuriye Polisi y'u Rwanda muri icyo fasi.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Kumenyesha uwakatiwe igihano cya TIG</u></p> <p>RCS imenyesha uwakatiwe igihano cya TIG mu nyandiko aho azakirangiriza. Urwego rwamushyikirije icyo nyandiko rumugenera aho ashyira umukono cyangwa atera igikumwe bihamya ko yayibonye. Iyo nyandiko igomba kuba imenyesha uwakatiwe igihano cya TIG aho azarangiriza igihano cye n'itariki agomba kuhagerera.</p> <p>Iyo uwakatiwe igihano cya TIG arengeje igihe cy'iminsi itanu (5) ibarwa bahereye umunsi yasinnye cyangwa yatereye igikumwe ku nyandiko imumenyesha ataragera ku cyicaro</p>	<p>camps.</p> <p><u>Article 13: Exchange of Documents</u></p> <p>The Court that pronounced TIG sentence shall hand over to the representative of RCS at the District level in its territorial limits, who shall notify the Commissioner General for determining, in return, where the Person convicted of TIG is going to serve his/her punishment.</p> <p>A Court shall also submit a copy of a judgment to the Rwanda National Police Commander in that territorial limit.</p> <p><u>Article 14: Notifying a person sentenced to TIG</u></p> <p>RCS shall notify the person sentenced to TIG in writing where he/she shall serve the punishment. The Organ that notifies him/her shall make sure that he/she signs on or put fingerprint attesting that he/she received it. That document must notify the person sentenced to TIG where he/she will serve the punishment and the date of arriving at the work place.</p> <p>If, after five (5) days from the day the person sentenced to TIG signed or put fingerprint on the document, he/she did not reach the Sector where he/she is supposed to serve his/her punishment, it</p>	<p>TIG de proximité ou les TIG dans les camps.</p> <p><u>Article 13: Echange de documents</u></p> <p>Le tribunal qui prononce la peine de TIG remet d'office une copie du jugement à l'agent chargé des TIG au niveau du District afin que celui-ci en fasse rapport au Commissaire Général de RCS, qui à son tour décide de l'endroit d'exécution de la peine.</p> <p>Le tribunal réserve également une copie de ce jugement au Commandant de la Police Nationale du Rwanda dans ce ressort.</p> <p><u>Article 14: Notification du condamné aux TIG</u></p> <p>RCS informe par écrit le condamné aux TIG de l'endroit où il doit exécuter sa peine. L'organe qui lui remet cette notification lui réserve un espace où il doit apposer sa signature ou son empreinte digitale attestant qu'il l'a reçue. Cette notification doit informer le condamné aux TIG de l'endroit où il exécutera sa peine et de la date à laquelle il doit se présenter.</p> <p>Lorsqu'un délai de cinq (5) jours allant de la date à laquelle il a apposé sa signature ou son empreinte digitale sur le document de notification s'écoule sans que le condamné</p>
--	--	--

<p>cy'Umurenge w'aho agomba kurangiriza igihano cye, bifatwa ko yanze kuyikora.</p>	<p>shall be assumed that he/she refused to serve TIG.</p>	<p>aux TIG se présente au siège du Secteur où il est supposé purger sa peine, il est réputé l'avoir refusé.</p>
<p><u>Ingingo ya 15: Umubyizi w'uwakatiwe igihano cya TIG</u></p>	<p><u>Article 15: Daily work for a person sentenced to TIG</u></p>	<p><u>Article 15: Tâche journalière du condamné aux TIG</u></p>
<p>Umubyizi w'uwakatiwe igihano cya TIG uhwanyeye n'amasaha y'akazi ku mukozi wa Leta.</p>	<p>The daily work for a person sentenced to TIG shall be equivalent to the daily working hours of a Government official.</p>	<p>La tâche journalière du condamné au TIG correspond aux heures de travail par jour d'un fonctionnaire de l'Etat.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Gukomatanya imibyizi</u></p>	<p><u>Article 16: Combining hours of work</u></p>	<p><u>Article 16: Rapprochement des hommes-jours</u></p>
<p>Uwakatiwe igihano cya TIG agira iminsi itatu (3) y'imibyizi mu cyumweru; iyo akorera TIG mu ngando, imibyizi ye irakomatanywa.</p>	<p>A person sentenced to TIG shall work three (3) days per week; in case he/she is serving TIG in a camp, all days shall be combined.</p>	<p>Le condamné aux TIG a trois jours de tâche journalière par semaine. Au cas où il purge sa peine dans un camp des TIG, les jours de travail sont combinés.</p>
<p>Umuntu wese ukora TIG ataha ashobora gusaba ko imibyizi ye ikomatanywa.</p>	<p>Any person serving TIG but dwelling at home may request to combine his/her working hours.</p>	<p>Le condamné qui exécute les TIG de proximité peut demander que ses heures de travail soient combinées.</p>
<p>Iyo imibyizi yakomatanyijwe buri minsi itatu (3) yayo ibarwamo icyumweru kimwe.</p>	<p>If his/her working hours are combined, three (3) days shall be equivalent to a week</p>	<p>En cas de combinaison des jours de travail, trois (3) hommes-jours équivalent à une semaine.</p>
<p><u>Ingingo ya 17: Gutunga no kwita ku barangiriza igihano cya TIG mu ngando</u></p>	<p><u>Article 17: Feeding and catering for those serving TIG in camps</u></p>	<p><u>Article 17: Entretien des condamnés aux TIG placés dans un camp</u></p>
<p>Abarangiza igihano cya TIG bari mu ngando z'akazi bacumbikirwa kandi bagatungwa n'ikigo</p>	<p>Persons serving TIG in camps shall be accommodated and fed by the institution they are</p>	<p>Les condamnés aux TIG placés dans un camp de travail sont pris en charge par l'institution</p>

<p>kibakoresha, uretse ko bishingirwa na RCS ku byerekeye ubuvuzi, imyambaro n'inyigisho z'uburere mboneragihugu.</p> <p>Inama Nkuru ya RCS igena iby'ibanze bikenewe mu bitunga abakorera TIG mu ngando bitangwa n'ikigo cyangwa urwego rwabakiriye.</p> <p><u>Ingingo ya 18: Isubika ry'igihano cya TIG</u></p> <p>Igihe kigenewe TIG gishobora gusubikwa bitewe n'impamvu zikomeye zemezwa n'Inama y'Umutekano y'Akarere ku bakatiwe igihano cya TIG bakora bataha mu ngo zabo cyangwa byemejwe n'Ubuyobozi bwa RCS ku bakorera mu ngando.</p> <p>Mu buryo bwihariye, umugore utwite, uwonsa umwana utarageza ku myaka itatu (3) n'abarwayi b'indembe basubikirwa igihano, bakitabwaho n'imiryango yabo, bakagikomeza izo mpamvu zivuyeho.</p> <p>Isubikwa ry'igihe kigenewe TIG ryemezwa na Komiseri Mukuru wa RCS cyangwa undi yabihereye ububasha.</p>	<p>working for, except medicines, clothes and civic education which shall be taken in charge by RCS.</p> <p>The High Council of RCS shall determine what will feed the persons sentenced to TIG in the camp; however the institution they are working for shall feed them.</p> <p><u>Article 18: Suspension of TIG punishment</u></p> <p>The period for serving TIG may be suspended because of serious problems as may be determined by the District Security Committee for those serving TIG while staying at home, or RCS authorities for those staying in the camps.</p> <p>In special cases, pregnant woman, woman breast feeding child below three (3) years and those seriously sick serving TIG shall be allowed to suspend it and their families shall look after them. They shall resume serving sentence after sorting those issues.</p> <p>The suspension of the period for serving TIG shall be approved by the Commissioner General of RCS or his/her delegate.</p>	<p>d'accueil pour ce qui est de leur logement et alimentation, à l'exception des soins de santé, des vêtements et de l'éducation civique qui sont à la charge de RCS.</p> <p>Le Haut Conseil de RCS détermine la ration optimale de la nourriture des condamnés placés dans le camp de travail à la charge de l'institution d'accueil.</p> <p><u>Article 18: Suspension de la peine des TIG</u></p> <p>La durée prévue pour les TIG peut être suspendue à la suite de causes justifiées approuvées par le Conseil de Sécurité du District pour les condamnés exécutant les TIG de proximité et par la Direction de RCS pour ceux exécutant les TIG dans les camps de travail.</p> <p>De façon particulière, la femme enceinte, la femme allaitant un bébé de moins de trois (3) ans, et les malades graves bénéficient de la suspension de peines pour que leurs familles prennent soin d'eux, jusqu'à ce qu'ils reviennent achever leur peine une fois la raison de la suspension levée.</p> <p>La suspension de la durée prévue pour les TIG est approuvée par le Commissaire Général de RCS ou son délégué.</p>
---	--	---

<p>Iyo impamvu yateye isubikwa ry'igihe kigenewe TIG itakiriho, uwakatiwe igihano cya TIG akomereza aho yasubikiye akarangiza iminsi yari isigaye.</p>	<p>If the reason for suspension the period for serving TIG is no longer there, the person sentenced to TIG shall resume serving punishment and finish the remaining days.</p>	<p>Lorsque la cause de la suspension de la durée prévue pour les TIG n'est plus, le condamné aux TIG poursuit sa peine et achève les homme-jours restant à courir.</p>
<p><u>Ingingo ya 19: Kudakora neza TIG</u></p>	<p><u>Article 19: Failure to appropriately execute TIG</u></p>	<p><u>Article 19 : Exécution non convenable des TIG</u></p>
<p>Iyo uwakatiwe adakoze neza igihano cya TIG, ahatirwa kurangiriza muri gereza igihe cy'igihano gisigaye yakatiwe.</p>	<p>In case of failure by the person sentenced to appropriately carry out TIG, he/she shall be forced to serve the remaining period of his/her penalty in prison.</p>	<p>Lorsque le condamné n'exécute pas convenablement les TIG, il est contraint de purger le temps restant de sa peine en prison.</p>
<p><u>Ingingo ya 20: Ibyitabwaho mu ishyirwa mu mirimo ry'abakatiwe igihano cya TIG</u></p>	<p><u>Article 20: Elements to consider during work placement of persons sentenced to TIG</u></p>	<p><u>Article 20: Eléments tenus en considération dans le placement des condamnés aux TIG</u></p>
<p>Ishyirwa ry'abakatiwe igihano cya TIG mu bigo bagomba kukirangirizamo rikorwa hitawe ku:</p>	<p>Placement of persons sentenced to TIG in various institutions shall be done on the basis of the following:</p>	<p>Le placement des condamnés aux TIG dans les centres d'accueil tient compte des éléments suivants :</p>
<p>1° kuba ibigo byakira abakora imirimo bikora neza;</p>	<p>1° the institution receiving them works well;</p>	<p>1° le bon fonctionnement des institutions d'accueil ;</p>
<p>2° bwoko bw'imirimo ibyo bigo biba byatanze n'akamaro ifitiye Igihugu;</p>	<p>2° the types of work submitted by those institutions and their relevance to National interests;</p>	<p>2° la nature des travaux que l'institution présente qui doivent être d'intérêt général ;</p>
<p>3° bushobozi bw'uwakatiwe igihano cya TIG bwaba ubw'umubiri cyangwa ubw'ubumenyi;</p>	<p>3° the capacity of a person sentenced to TIG both mentally and physically;</p>	<p>3° les capacités du condamné aux TIG qu'elles soient physiques ou intellectuelles ;</p>

<p>4° bushobozi ikigo gisaba abakatiwe igihano cya TIG kigaragaza mu gutegura igikorwa giteganyijwe, kugukurikiranira hafi, gusesengura umusaruro uzakivamo, kukirangiza mu gihe cyagenwe no kwita ku bari mu gihano ku buryo bakirangiza bahinduye imyumvire;</p> <p>5° kuba icyo kigo gikora imirimo iri muri gahunda za Leta.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Uburenganzira bwubahirizwa mu irangiza ry'igihano cya TIG</u></p> <p>Umurimo wose ukorwa mu rwego rwo kurangiza igihano cya TIG ugengwa n'ibikubiye mu mategeko n'amateka yerekeye iby'ubuvuzi, akazi ka nijoro, isuku, umutekano ku murimo, inzego zita ku buzima bw'abakozi mu bigo n'ayerekeye akazi k'abagore n'abana.</p> <p>Gukora umurimo uri mu gihano cya TIG bishobora kubangikanywa n'akandi kazi iyo gukora ako kazi bitabangamira na busa irangizwa ry'igihano cyategetswe n'urukiko.</p> <p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></p>	<p>4° the capacity of the institution requesting for persons sentenced to TIG punishment. The institution must show how it is going to use them in productive activity and during planned time period and also prove that the persons sentenced to TIG will at the end change their behaviour;</p> <p>5° the Institution works in line with the Government Programme.</p> <p><u>Article 21: Rights in the course of serving TIG</u></p> <p>Any work done in the course of serving TIG shall be governed by laws and regulations regarding health, night duties, cleanness, security at work and other institutions regulating health of civil servants in institutions plus those regulating labour for women and children.</p> <p>Serving TIG shall be compatible with another work as long as that does not jeopardise the serving of sentence pronounced by Court.</p> <p><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></p>	<p>4° les capacités dont fait preuve l'institution d'accueil dans la préparation du travail, son suivi, l'analyse de ses résultats, le respect du temps imparti et la transformation des condamnés aux TIG quant à leurs comportements à la fin de l'exécution de leur peine;</p> <p>5° le fait que le travail proposé par l'institution d'accueil a un lien avec les programmes du gouvernement.</p> <p><u>Article 21: Droits respectés au cours de l'exécution des TIG</u></p> <p>Tout travail exécuté dans le cadre des TIG est soumis aux dispositions des lois et règlements relatifs à la santé, au travail nocturne, à l'hygiène, à la sécurité dans le travail, aux organes chargés de la santé des agents dans les institutions et à celles régissant le travail des femmes et des enfants.</p> <p>L'exécution de la peine des TIG est compatible avec tout autre travail pour autant que ce travail n'est pas préjudiciable à l'exécution de la peine prononcée par le tribunal.</p> <p><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 22:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p> <p>Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo basabwe kubahiriza iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 23:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p>Iteka rya Perezida n° 10/01 ryo ku wa 07/03/2005 rigena uburyo igihano nsimburagifungo cy'imirimo ifitiye igihugu akamaro gishyirwa mu bikorwa nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu, n'izindi ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 24:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa</p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 22:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p> <p>The Minister of Internal Security, the Minister of Justice/Attorney General, the Minister of Local Government and the Minister of Infrastructure shall be entrusted with the implementation of this Order.</p> <p><u>Article 23:</u> Repealing provision</p> <p>The Presidential Order n° 10/01 of 07/03/2005 determining the modalities of implementation of community services as alternative penalty to imprisonment as modified and complemented to date and all other prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.</p> <p><u>Article 24:</u> Commencement</p> <p>This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Articles 22 :</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p> <p>Le Ministre de la Sécurité Intérieur, le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux, le Ministre de l'Administration Locale et le Ministre de l'Infrastructure sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p> <p><u>Article 23:</u> Disposition abrogatoire</p> <p>L'Arrêté Présidentiel n° 10/01 du 07/03/2005 déterminant les modalités d'exécution de la peine alternative à l'emprisonnement de travaux d'intérêt général tel que modifié et complété à ce jour, ainsi que toutes les autres dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p> <p><u>Article 24:</u> Entrée en vigueur</p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	---	---

<p>Kigali, ku wa.....</p> <p>KAGAME Paul Perezida wa Repubulika</p>	<p>Kigali, on</p> <p>KAGAME Paul President of the Republic</p>	<p>Kigali, le</p> <p>KAGAME Paul Président de la République</p>
<p>Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien Minisitiri w'Intebe</p>	<p>Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien Prime Minister</p>	<p>Dr. HABUMUREMYI Pierre Damien Premier Ministre</p>

<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>KARUGARAMA Tharcisse Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with Seal of the Republic:</p> <p>KARUGARAMA Tharcisse. Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>KARUGARAMA Tharcisse Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux</p>
---	---	---